

RWANDA / JUDGMENT

GAMECO Ltd vs MUKABIDERI

RS/INJUST/RC 00011/2024/SC

COURT

Supreme Court

DECIDED

11 April 2025

CASE / FILE NUMBER

RS/INJUST/RC 00011/2024/SC

Source: amategeko.gov.rw · Research copy typeset by Esheria. Not court-issued or certified.

GAMECO Ltd vs MUKABIDERI

- Source: Amategeko
- Section: Decisions (Judgements)
- Date: 2025-04-11
- Case/document no.: RS/INJUST/RC 00011/2024/SC
- Collection: Supreme Court

Text

Page 1

GAMECO Ltd vs MUKABIDERI [Rwanda URUKIKO RW'UBUJURIRE – RS/INJUST/RC 00011/2024/SC (Cyanzayire P.J., Kazungu na Kalihangabo J.) 11 Mata 2025] Amategeko agenga uburyozwe – Kuriha ibyangijwe n'ikosa – Mu mategeko agenga uburyozwe ni ihame ko igikorwa cy'umuntu cyangirije undi gitegeka nyirugukora ikosa rigikomokaho kuriha ibyangiritse. Incamake y'ikibazo: Uru rubanza rwatangiriye mu Rukiko Rwisumbuye rwa Muhanga nyuma yuko ku itariki ya 19/09/2020, ku muhanda wa Muremera werekeza mu Kabagali mu Karere ka Ruhango, mu Ntara y'Amajyepfo, ahagereye ishyamba ryatemwagamo ibiti byo kubazamo imbaho zari zigenewe GAMECO, habereye impanuka ubwo abitwa Mbarushimana Janvier na Twagirimana batemaga ibyo bita, kimwe cyagwiriye moto yari itwawe na Mbarushimana Joseph, waje gupfa, naho umugenzi yari atwaye Mukabideri arakomeraka, imusigira ubumuga buhoraho bwa 45%. Uwo Mukabideri yandikiye umuyobozi wa GAMECO witwa Gashayija ari nawe nyirayo, amusaba ko yamwishyura indishyi zikomoka kuri iyo mpanuka; abonye ntacyo amusubije aregera Urukiko, asaba GAMECO na nyirayo Gashayija kumwishyura indishyi zinyuranye. Gashayija we yaburanye avuga ko abatemaga ibiti atari we bakoreraga ku buryo yakurikiranwa, anavuga kandi ko atandukanye na GAMECO, bityo ko adakwiriye gufatanyana nayo kuryozwa indishyi. Urwo Rukiko

rwaciye urubanza rwemeza ko ikirego cya Mukabideri gifite ishingiro, ndetse ko GAMECO na Gashayija Justin bagomba gufatanya kumwishyura indishyi zinyuranye. Gashayija na GAMECO bajuririyeye urwo rubanza mu Rukiko Rukuru, Urugereko rwa Nyanza, bavuga ko Urukiko Rwisumbuye rwa Muhanga rwakoze amakosa arimo kuba rwaremeje ko GAMECO na Gashayija bombi bagomba gufatanya uburyozwe bw'indishyi kubera ko badashobora gutandukanywa, ariko rurivuguruzwa ku rundi ruhande aho ruvugaga ko abo bantu babiri batandukanywe; ko batariyoywe indishyi ku bufatanye (in solidum) Mukabideri ashobora kubura umwishyura no kuba rwarabariyoywe indishyi zikomoka ku mpanuka kandi nta kosa bakoze. Urwo rwaciye urubanza rwemeza ko ubujurire bwa GAMECO na Gashayija bufite ishingiro ku ngingo imwe gusa irebana no kuba GAMECO itaragombaga kureganwa na Gashayija, ko nta shingiro bufite ku birebana n'indishyi Mukabideri yagenewe, rutegeka GAMECO kuzishyura zose nk'uko zemejwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Muhanga. GAMECO yaje kwandikira Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire isaba ko urubanza RCA 00051/2022/HC/NYZ rwaciye n'Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Nyanza, rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane. Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire amaze gusuzuma ubwo busabe, yandikiye Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga asaba ko urwo rubanza rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane, maze uyu nawe mu cyemezo No 107/CJ/2024 cyo ku wa 18/07/2024 yemeza ko rwongera kuburanishwa n'uru Rukiko. Muri uru Rukiko, GAMECO iburana ivuga ko idakwiriyeye kuryozwa ibikorwa byakozwe n'abandi bantu batari abakozi bayo, isobanura ko kuvuga ko ari yo yatsindiye isoko ryo kugemura imbaho mu mashuri yubakwaga bitari bihagije kugira ngo iryozwe indishyi, kuko nyuma yo gutsindira iryo soko nayo yahaye abandi akazi, kandi mu masezerano yari yaragiranye n'abo yahaye isoko, harimo ingingo iteganywa ko nabo bashobora kwifashisha abandi. Mukabideri we aburana avugaga ko nta karengane kari muri uru rubanza, kubera ko impanuka yo ku wa 19/04/2021 yakomerekeyemo, yatewe n'uburangare bw'abakozi ba GAMECO. Asobanura ko ibyo GAMECO ivugaga byo kuba yari yatanze isoko ryo kuyibariza, nta bimenyetso yabigaragaraye. Avugaga ko nta sous-traitance yabayeho nk'uko GAMECO ibivugaga, ahubwo ko icyabayeho ari amasezerano y'akazi. Incamake y'icyemezo: Mu mategeko agenga uburyozwe, ni ihame ko igikorwa cy'umuntu cyangirije undi gitegeka nyirugukora ikosa rigikomokaho kuriha ibyangiritse; bityo ikosa ryakozwe na GAMECO kimwe n'irikoze na ba sous-traitants n'abakozi babo, ntacyo bihindura ku buryozwe bwayo kuko ibyo aba bombi bakoze, bigomba gufatwa nkaho ariyo yabikoze, GAMECO akaba ariyo igomba kwishyuzwa indishyi Mukabideri asaba.

Page 2

Amategeko yashingiweho: Itegeko No 45 ryo ku wa 25/11/2011 rigenga amasezerano, Ingingo ya 64. Nta manza zifashishijwe. Ikirego cyo gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane nta shingiro gifite. Urubanza I. IMITERERE Y'URUBANZA [1] Ku itariki ya 19/09/2020, ku muhanda wa Muremera werekeza mu Kabagali ho mu Karere ka Ruhango, mu Ntara y'Amajyepfo, ahegereye ishyamba ryatemwagamo ibiti byo kubazamo imbaho zari zigenewe GAMECO, habereye impanuka ubwo Mbarushimana Janvier na Twagirimana Wellars batemaga ibyo bito, kimwe cyagwiriyeye moto ifite plaque RF996C yari itwawe na Mbarushimana Joseph, waje gupfa, naho umugenzi yari atwaye Mukabideri Cécile arakomerakaye, imusigira ubumuga buhoraho bwa 45%. [2] Ku itariki ya 27/09/2021, Mukabideri Cécile yandikiye umuyobozi wa GAMECO Gashayija

Justin ari nawe nyirayo, amusaba ko yamwishyura indishyi zikomoka kuri iyo mpanuka; abonye ntacyo amusubije aregera Urukiko Rwisumbuye rwa Muhanga, asaba GAMECO na nyirayo Gashayija Justin kumwishyura indishyi zinyuranye, ikirego cyandikwa kuri RC 00010/2022/TGI/MHG. [3] Gashayija Justin yireguye avuga ko nta ruhare yagize muri iyo mpanuka ndetse ko atari nawe abatemaga ibiti bakoreraga ku buryo yakurikiranwa. Yanavuze ko atandukanye na GAMECO, bityo ko adakwiriye gufatanya nayo kuryozwa indishyi zisabwa muri uru rubanza. [4] Ku itariki ya 28/07/2022, Urukiko Rwisumbuye rwa Muhanga rwaciye urubanza rwemeza ko ikirego cya Mukabideri Cécile gifite ishingiro, ndetse ko GAMECO na Gashayija Justin bagomba gufatanya kumwishyura indishyi zingana na 6.020.000 Frw zikubiyemo: i. Indishyi z'ibangamirabukungu n'iz'akababaro: 5.000.000 Frw; ii. ii. Ikurikiranarubanza no kwivuzwa: 300.000 Frw; iii. iii. Igihembo cya Avoka: 700.000 Frw; iv. iv. Igarama: 20.000 Frw. [5] Mu gufata iki cyemezo, Urukiko rwasobanuye ko GAMECO ari "Company" Gashayija Justin abereye umuyobozi, akanacunga umutungo wayo. [6] ni nawe munyamigabane wayo wenyine; akaba ariyo mpamvu bagombaga kuregwa bombi kugirango Mukabideri atazabura umwishyura. Rwasobanuye kandi ko imirimo yo gutsinda ibiti yakorwaga na Mbarushimana Janvier na Twagirimana Wellars bayikoraga mu izina no mu nyungu bya GAMECO na Gashayija Justin akaba ari iyo mpamvu aba bakozi batagombaga kuregwa ku giti cyabo indishyi, ahubwo zagombaga kuryozwa "Company" na nyirayo. [7] Rwavuze kandi ko izo ndishyi zigomba kugenerwa Mukabideri Cécile hashingiwe ku ihame ry'uko «igikorwa cyose cy'umuntu cyangirije undi gitegeka nyir'ugukora ikosa rigikomokaho kuriha ibyangiritse», aho kubarwa hashingiwe ku Iteka rya Perezida N°31/01 ryo ku wa 25/08/2003 rishyiraho

Page 3

uburyo bwo kwishyura indishyi ku bubabare bw'umubiri buturutse ku mpanuka zitewe n'ibinyabiziga, kuko impanuka ivugwa muri uru rubanza itatwe n'ikinyabiziga. [8] Gashayija Justin na GAMECO bajuririyeye urwo rubanza mu Rukiko Rukuru, Urugereko rwa Nyanza, bavugaga ko Urukiko Rwisumbuye rwa Muhanga rwakoze amakosa akurikira: i. Rwemeje ko GAMECO na Gashayija Justin bombi bagomba gufatanya uburyozwe bw'indishyi kubera ko badashobora gutandukanywa, ariko rurivuguruza ku rundi ruhande aho ruvugaga ko abo bantu babiri batandukanye; ko bataryojwe indishyi ku bufatanye (in solidum) Mukabideri Cécile ashobora kubura umwishyura. ii. ii. Rwabaryoje indishyi zikomoka ku mpanuka kandi nta kosa bakoze kuko inyandikomvugo ya Police yagaragaje ko impanuka yatewe n'ubuteganye buke bwa Mbarushimana Janvier na Twagirimana Wellars, kuko batigeze bashyira mu muhanda ibimenyetso bimenyesha abagenzi ko hari imirimo ihakorera ishobora guturukaho ibyago (impanuka). [9] Mu rubanza No RCA 00051/2022/HC/NYZ rwaciye ku wa 09/06/2023, Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Nyanza, rwemeje ko ubujurire bwa GAMECO na Gashayija Justin bufite ishingiro ku ngingo imwe gusa irebana no kuba GAMECO itaragombaga kureganwa na Gashayija Justin, ko nta shingiro bufite ku birebana n'indishyi Mukabideri Cécile yagenewe, rutegeka GAMECO kuzishyura zose nk'uko zemejwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Muhanga. [10] Urukiko Rukuru rwasobanuye ko nta kimenyetso na kimwe Urukiko Rwisumbuye rwashingiyeho rwemeza ko haramutse hatabayeho ubufatanye mu buryozwe bw'indishyi Mukabideri Cécile yabura

ubwishyu, ikindi kandi habayeho kwibeshya mu gusobanura ihame ry'uburyozwe bw'indishyi ku bufatanye (in solidum). Rwemeje kandi ko GAMECO ikwiriye kuryozwa indishyi yarezwe kubera ko nubwo ibiti byatemwaga na Mbarushimana Janvier na Twagirimana Wellars, ariko uwo murimo wakorwaga mu nyungu zayo kuko ariyo yari yaratsindiye isoko ryo kugemura imbaho zari zikenewe. [11] Ku itariki ya 06/07/2023, GAMECO yandikiye Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire isaba ko urubanza No RCA 00051/2022/HC/NYZ rwaciwe n'Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Nyanza, ku wa 09/06/2023, rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane. Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire amaze gusuzuma ubwo busabe, yandikiye Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga asaba ko urwo rubanza rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane, maze uyu nawe mu cyemezo No 107/CJ/2024 cyo ku wa 18/07/2024 yemeza ko rwongera kuburanishwa n'uru Rukiko, rwandikwa kuri No RS/INJUST/RC 00011/2024/SC. [12] Iburanisha ryabereye mu ruhame ku wa 03/03/2025, GAMECO ihagarariwe na Me Ruzindana Ignace, Mukabideri Cécile ahagarariwe na Me Munyansanga Amina Gisèle, hasuzumwa ikibazo cyo kumenya niba GAMECO yategekwa kuriha indishyi zisabwa na Mukabideri kubera impanuka yatejwe n'ibiti byatemwaga na Mbarushimana Janvier na Twagirimana Wellars, ndetse n'ibijyanye n'indishyi zisabwa. II. IBIBAZO BIGIZE URUBANZA N'ISESENGURWA RYABYO

- 1) Kumenya niba GAMECO yategekwa kuriha indishyi zisabwa na Mukabideri Cécile kubera impanuka yatejwe n'ibiti byatemwaga na Mbarushimana Janvier na Twagirimana Wellars [13] Me Ruzindana Ignace uhagarariye GAMECO avuga ko idakwiriye kuryozwa ibikorwa byakozwe n'abandi bantu batari abakozi bayo. Asobanura ko kuvuga ko ari yo yatsindiye isoko ryo kugemura imbaho mu mashuri yubakwaga bitari bihagije kugira ngo iryozwe indishyi, kuko nyuma yo gutsindira iryo soko nayo yahaye abandi akazi, kandi mu masezerano yari yaragiranye n'abo yahaye isoko, harimo ingingo iteganya ko nabo bashobora kwifashisha abandi, kuko icyo yo yari ikeneye zari imbaho.

Page 4

- [14] Asobanura ko mu gika cya 15 cy'urubanza rwaciwe n'Urukiko Rukuru, rwavuze ko mu masezerano GAMECO yagiranye n'abayibarije imbaho hari hateganyijwemo sous-traitance, ariko ko abantu bahawe isoko ryo kubaza imbaho batandukanye n'abatemaga ibiti byateje impanuka, kandi abo bantu ntaho bigeze bagirana amasezerano y'akazi na GAMECO, dore ko n'iyi baza kuba abakozi bayo batari kuba bemerewe sous-traitance. Avuga ko ibyo Urukiko Rukuru rwemeje ko igomba kuryozwa indishyi, nta shingiro byahabwa kuko habayeho kwirengagiza ibimenyetso bigaragarira buri wese, bihamya ko nta buryozwe bushoboka kuri GAMECO kuko nta ruhare ifite mu mpamuka ivugwa. [15] Yongeraho ko amasezerano GAMECO yagiranye na MINEDUC n'Akarere ka Ruhango adashobora guhuzwa n'amasezerano yagiranye n'ababaza imbaho (sous-traitance), ko aya ya nyuma ariyo agomba kurebwa gusa. Anavuga ko bayagiranye n'abantu bane aribo Mudakubana Japhet, Mbabazande André, Manirafasha Jean na Niyirema Charles, ko ariyo mpamvu GAMECO itazi abatamaga ibiti byateje impanuka. [16] Asoza asaba ko mu gihe Urukiko rwazasanga GAMECO yararenganyijwe, Mukabideri Cécile yategekwa gusubiza amafaranga yishyuwe angana na miliyoni esheshatu n'ibihumbi magana atatu na mirongo irindwi (6.370.000 Frw)1

harangizwa urubanza rwasabiwe gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane. [17] Ku bijyanye na Gashayija Justin, Me Ruzindana Ignace avuga ko ari ikosa ryabayeho ku ruhande rw'ubwanditsi kuko atigeze asubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane, akaba ntacyo asaba muri uru rubanza kuko yarenganuwe n'Urukiko Rukuru. [18] Me Munyansanga Gisèle uhagarariye Mukabideri Cécile yireguye avuga ko nta karengane kari muri uru rubanza, kubera ko impanuka yo ku wa 19/04/2021 uwo ahagarariye yakomerekeyemo yatewe n'uburangare bw'abakozi ba GAMECO. Asobanura ko ibyo GAMECO ivuga byo kuba yari yatanze isoko ryo kuyibariza, nta bimenyetso yabigaragariye. Avuga ko nta sous-traitance yabayeho nk'uko GAMECO ibivuga, ahubwo ko icyabayeho ari amasezerano y'akazi, ibyo kandi n'Urukiko Rukuru rukaba rwarabisobanuye ku rupapuro rwa 9 mu gika cya 15 cy'urubanza, rugaragaza ko nta sous-traitance yabayeho kuko GAMECO itabigaragariza ibimenyetso bisobanura ko yagombaga kuryozwa amakosa abakozi bayo bakoze. [19] Yongeraho ko sous-traitance GAMECO igarukaho muri uru rubanza, itari yemewe, ko ingingo ya 17 y'amasezerano y'isoko yateganyaga ko GAMECO igomba kuryozwa ibibazo byose byavuka mu ishyingirwa mubikorwa ryayo. [20] Akomeza asaba ko mu gufata icyemezo muri uru rubanza, Urukiko rwazashingira ku murongo watanze mu rubanza No RADA0054/12/CS rwaciye n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 19/04/2014, haburana Kabajuka Gaspard na Minisiteri y'Ubuzima, aho Urukiko rwemeje ko umukoresha ariyozwa amakosa y'umukozi we yakoreye mu kazi, bikaba bihura n'ibyabaye muri uru rubanza. UKO URUKIKO RUBIBONA [21] Ingingo ya 64 y'Itegeko No 45 ryo ku wa 25/11/2011 rigenga amasezerano iteganya ibi bikurikira: «Amasezerano akozwe ku buryo bukurikije amategeko aba itegeko ku bayagiranye. Ashobora guseswa ari uko babyumvikanyeho cyangwa ku mpamvu zemewe n'amategeko. Agomba kubahirizwa nta buriganya».

1 Muri dosiye harimo inyandiko mvugo yo kurangiza urubanza yakozwe ku wa 11/02/2024, ivuga ko GAMECO ihagarariye na Gashayija Justin yishyuye 3.370.000 Frw yiyongera kuri 3.000.000 Frw yari yatanze na Wibabara Grâce, umugore wa Gashayija Justin.

Page 5

[22] Igikorwa cy'umuntu cyangirije undi gitegeka nyirugukora ikosa rigikomokaho kuriha ibyangiritse; iri ni ihame mu mategeko agenga uburyozwe. [23] Dosiye y'urubanza igaragaza ko GAMECO yagiranye amasezeramo na Minisiteri y'Uburezi (MINEDUC, muri uru rubanza), Ikigo cy'Igihugu cy'Amashyamba (Rwanda Forestry Authority, R.F.A., muri uru rubanza) n'Akarere ka Ruhango ku wa 30/07/2020, yo kugemura imbaho zari gukoreshwa mu kubaka ibyumba by'amashuri muri ako Karere. [24] Mu ngingo ya 17, ayo masezerano ateganya ibi bikurikira: "Uwatsindiye isoko ryo kugemura imbaho atemerewe gusinyana amasezerano n'undi muntu (sous-traitance), atabanje kumenyesha mu nyandiko Urwego rwatanze isoko n'Umugenerwabikorwa umwirondoro w'uwo muntu, kandi Urwego rwatanze isoko rukamenyesha GAMECO mu nyandiko ko rwemeye ko uwo muntu ahabwa akazi. Iyo ngingo ivuga kandi ko ukwemererwa gusinyana amasezerano n'undi muntu bitabuza GAMECO kubahiriza inshingano zayo ziteganywa muri aya masezerano ndetse n'uburyozwe ku byakozwe n'uwo muntu wundi yahaye akazi, (.....), ingingo zigize amasezerano ya sous -

traitance ntizigomba kunyuranya n'ibiteganywa n'aya masezerano²". [25] Muri uru rubanza GAMECO ivuga ko iryozwa indishyi zikomoka ku mpanuka yatewe n'ibiti byatemwe na Twagirimana Wellars na Mbarushimana Janvier batari abakozi bayo; ikomeza isobanura ko abo yagiranye nabo sous-traitance ari Mudakubana Japhet, Mbabazande André, Manirafasha Jean na Niyirema Charles, ko kuba nabo barishakiye abakozi babatemera ibiti, atari yo yaryozwa amakosa bakoze nk'uko biteganyijwe mu ngingo ya 4 y'amasezerano bagiranye³. [26] Urukiko rurasanga kuba GAMECO yemera ko yagiranye amasezerano ya sous-traitance n'abantu bavuzwe hejuru, ikabikora itabimenyesheje R.F.A., bigaragaza ko itubahirije ingingo ya 17 y'amasezerano- remezo. [27] Rurasanga hashingiwe kuri iyi ngingo ya 17, ikosa rikozwe na GAMECO kimwe n'irikoze na ba sous-traitants n'abakozi babo, ntacyo bihindura ku buryozwe bwayo kuko ibyo aba bombi bakoze, bigomba gufatwa nkaho ariyo yabikoze. Bityo hashingiwe ku ihame twabonye ry'uko igikorwa cy'umuntu cyangirije undi gitegeka nyirugukora ikosa rigikomokaho kuriha ibyangiritse, GAMECO akaba ariyo igomba kwishyuzwa indishyi Mukabideri Cécile asaba. [28] Urukiko rushingiye ku ngingo z'amategeko zavuzwe no kubisobanuro byatanze, rusanga GAMECO ariyo yagombaga kuryozwa indishyi zikomoka ku mpanuka Mukabideri Cécile yakomerekeyemo. Bityo indishyi zingana na 6.020.000 Frw zategetswe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Muhanga zikemezwa n'Urukiko Rukuru Urugereko rwa Nyanza, hiyongereyeho n'igihembo cy'Avoka kingana na 350.000 Frw yaciwe muri uru Rukiko, zigomba kugumaho. 2) Kumenya ishingiro ry'indishyi zasabwe muri uru rubanza.

2 Article 17 of the Contract for Supply of timber for classrooms constructions between Ministry of Education (MINEDUC), Rwanda Forestry Authority (RFA), Ruhango District and GAMECO Ltd: The Supplier shall engage no subcontractor to perform work or services in connection with this Contract unless the Supplier shall have notified in writing the Procuring Entity and inform the purchaser of the identity of the proposed subcontractor and the Procuring Entity shall have notified in writing the Supplier of its approval of the engagement of a subcontractor. The approval by the Procuring Entity of the engagement of a subcontractor shall not relieve the Supplier of any of its obligations under this Contract or from its responsibility for the work or services performed by the subcontractor. In any way no subcontract shall exceed 20% of the P.O of the purchaser main, and terms of any subcontract shall be subject to and in conformity with provisions of this Contractor. 3 Ingingo ya 4 y'amasezerano GAMECO yagiranye na Manirafasha Jean na Niyirema Charles ku wa 19/08/2020, ndetse n'ayo yagiranye na Mudakubana Japhet na Mbabazande André kuri icyo tariki, ivuga ko uwahawe isoko ryo kubaza imbaho afite uburenganzira bwo kugirana n'abandi amasezerano yo kumubariza imbaho yihitiyemo, ariko ibyo bikaba bitareba uwatanze isoko ryo kumubariza imbaho ariwe GAMECO kuko we icyo akeneye ari imbaho zimeze neza kandi zikabazwa n'uwo bagiranye amasezerano.

Page 6

[29] Me Ruzindana Ignace uhagarariye GAMECO, avuga ko Mukabideri Cécile yayishoye mu manza zitari ngombwa, ayirega atariyo yagombaga kurega, ibyo bikorwa bikaba byarayiteye ibihombo ishaka abunganizi mu nkiko, akaba ariyo mpamvu GAMECO isaba ko Mukabideri

Cécile yayishyura indishyi zingana na 2.000.000 Frw ku manza zose zabaye kubera we, hiyongereyeho 3.000.000 Frw z'igihembo cya Avoka waburanye izi manza zose, na 1.000.000 Frw y'ikurikiranarubanza. Yasoje avuga ko indishyi zasabwe na Mukabideri Cécile nta shingiro zikwiriye guhabwa kubera ko yayireze ataragombaga kuyirega. [30] Me Munyansanga Gisèle uhagarariye Mukabideri Cécile yireguye kuri izi ndishyi avuga ko nta gaciro zikwiriye guhabwa kuko nk'uko yabigaragaje, impanuka uwo ahagarariye yakomerekeyemo yatewe n'abakozi ba GAMECO, bityo akaba yaragombaga kuyirega. Yasoje avuga ko indishyi yari yasabye z'igihembo cya Avoka n'ikurikiranarubanza atakizisabye kuko yatanze n'Urugaga rw'Abavoka nk'uburanira umuntu utishoboye. [31] Urukiko rusanga indishyi GAMECO isaba itagomba kuzihabwa kuko itsindwa n'urubanza. III. ICYEMEZO CY'URUKIKO [32] Rwemeje ko ikirego cya GAMECO Ltd, gisaba gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane urubanza No RCA 00051/2022/HC/NYZ rwaciwe n'Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Nyanza, ku wa 09/06/2023, nta shingiro gifite. [33] Rwemeje ko hagumye imikirize y'urubanza No RCA 00051/2022/HC/NYZ rwaciwe n'Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Nyanza, ku wa 09/06/2023.

Source & reproduction note

Judgment wording, source notices and original paragraph numbers are retained. Esheria supplies the layout and this PDF's page numbers; these are not the source pagination. This is a research copy, not an official or certified court document. Check quotations, citations and publication restrictions against the original source before relying on it.

ORIGINAL SOURCE <https://www.amategeko.gov.rw/view/doc/9499/9980>

CASE PAGE <https://chat.esheria.ai/case-law/rwanda/gameco-ltd-v-mukabideri-cecile-vicariousliability-supreme-court-2025>

Prepared on 12 October 2026 · Esheria